

1

K0163629

f.c

give to

Cada

IDENTIFICATION : 0018 - RTLM/17 du 31/05/1994
DUREE : 60 MIN.
QUALITE : MOYENNE
TRANSMISSION : R.T.L.M
DATE DE TRANSCRIPTION : 15/02/2000
NOM DU TRANSCRIPTEUR : ICYITEGETSE Drocella
NOM DU FICHIER : 0018.wpd
DICTAPHONE : SANYO : BO - 760/19

Contenu de la cassette n° 0018.

- FACE A:**
- * **GAHIGI Gaspard**, journaliste de la RTLM parle des corps gisant dans le lac Victoria et qui seraient le résultat des tueries perpétrées par le FPR contre la population civile.

 - * **HABIMANA Kantano**, journaliste de la RTLM annonce les négociations éventuelles entre les chefs de l'armée rwandaise et ceux du FPR.
Il invite la population à rester dans leurs biens et décrit les dégâts causés par les tirs du FPR dans la ville de Kigali.
- FACE B:**
- * **HABIMANA Kantano** appelle les personnes déplacées à regagner Kigali pour ensemble combattre les Inkotanyi.

 - * Commentaires d'**Ananie NKURUNZIZA**, journaliste de la RTLM sur les propos de MUSEVENI, président de l'Uganda, lors de son voyage en Norvège.

 - * **Ananie** parle de la mort de 500 personnes à Kabgayi et aussi de la mort de feu Capitaine Mbaye Ndiagne, sénégalais qui faisait partie du contingent de la MINUAR.

 - * **Ananie** annonce la naissance, à Abidjan en Côte d'Ivoire, de l'association "Action pour le Rwanda".

 - * **GAHIGI Gaspard** fait une analyse approfondie des propos de MUSEVENI en Norvège.

FACE A.**- Orateur Gaspard GAHIGI, Rédacteur en chef de la R.T.L.M:**

... bavuga ko ari opposition nyine ifite imbunda igizwe na ba nyamuke b' Abatutsi, ko rero ee... abo basirikare ba F.P.R bakomeje, bakomeje kwica uru... kwica no kwica urubozo, icyo bita torturer, ...

- Orateur non identifié:

Hum.

- Orateur Gaspard GAHIGI:

... ni ukwica umuntu urubozo, umushinga ibikwasi, umushyiraho ibishirira, ko bica abantu b' abasivile mu Rwanda. Iyo ni inkuru rero igaragara dufite hano, hanyuma bakavuga ko ibyo bintu bibera ku mupaka, do... ku mupaka, urega, nyine uhagarariye uwo Muryango H.C.R akavuga ko yabibonye ku mupaka w'u Rwanda na Tanzaniya. Abona abo basirikare ee... ba F.P.R barimo kurasa mu bantu b' impunzi bahungaga bashaka kwambuka umugezi w' Akagera uri hagati y'u Rwanda na Tanzaniya abo bantu bajya muri Tanzaniya. Uwo muntu akavuga ko yabyiboneye ubwe. Agakomeza avuga ko muri iyi minsi yashize babonye abantu mu mirengi, ku misozi, bakabona abasirikare ba F.P.R- Inkotanyi barimo kubarasaho, kandi babica urubozo, mbere y'uko babanaga... banaga imibiri yabo mu nyanja. Ubu iyi ni a... ni amakuru yavuye muri... i Genève mu Busuwisi.

Ubwo ahubwo nkagira ngo nongereho ko hari amakuru yandi yavuze ko habonetse imirambo iri hafi, ibarirwa mu bihumbi mirongo itanu, yabonetse mu Bugande hafi ya... Lac Victoria iturutse mu Rwanda. Ubu rero nta washidikanya ko abo bantu nyinye iyo mirambo yabonetse ari aba ngaba F.P.R- Inkotanyi yanaze mu Kagera imaze kubica, bagerageza guhunga bambuka bajya muri Tanzaniya. Ubwo rero ngira ngo... umwicanyi araboneka hano muri aya makuru dufite, him, ndetse, ee... muri

ayo makuru bakavuga ko babonye n'abantu... n'abasirikare ba F.P.R bica abana mu mashuri, barimo kurasa amashuri ni...n'amabunda na za grenade.

Ni amakuru dufite hano, dufitiye ibimenyetso kandi ntabwo ari twe twayanditse. Ubu rero umwicanyi ni nde? Umwicanyi ni F.P.R. Ugomba guhagarika ubwicanyi ni nde? Ugomba guhagarika ubwicanyi ni F.P.R-Inkotanyi. Ndetse, ubwo bwicanyi bavuga ni ubwicanyi bukomoka ku ntambara. Uwashaka rero guhagarika ubwicanyi ni uwakwemera nyine bagahagarika imirwano, kuko iyo mirwano ari yo ituma haba ubwicanyi, ariko ku... ku ruhande rwa F.P.R akaba ari ikibazo giteye ubwoba, kuko ntabwo abasirikare bacu ari bo F.P.R yica, ahubwo hano biragaragara ko yica abaturage b'inzirakarengane. Ni yo rero igomba guhagarika ubwo bwicanyi, ntabwo ku ruhande rwacu, ku ruhande rwacu twe twatewe, twarega abantu ko bicanye, kandi ingabo zacu ahubwo gusa zihanganye n'iza F.P.R-Inkotanyi.

Ni yo rero Ananiya yari igombye guhagarika ubwicanyi, ntabwo ari twe nk'uko aya makuru avuye i Genève mu Busuwisi yo ku itariki cumi n'indwi Gicurasi abyerekana, kandi uhagarariye H.C.R uriya Muryango ee... ushinzwe... wita ku mpunzi mu isi, uhagarariye uwo Muryango akavuga ko yabyiboneye ubwe, F.P.R irimo kunaga imirambo mu Kagera, imirambo y'abantu b'inzirakarengane bahunga bahunga F.P.R baturuka za Kibungo bambuka bajya hakurya muri Tanzaniya.

- Orateur Ananie NKURUNZIRA, journaliste de R.T.L.M:

Urakoze GAHIGI, ngira ngo reka... ubwo naje kubunganira uyu muni, ngezeho n'ubu butumwa bw'abantu bisungira R.T.L.M kugira ngo ibatumikire.

- Orateur HABIMANA Kantano, journaliste de Radio Rwanda:

... hafi amezi abiri turwana n'Inyenzi-Inkotanyi mu ntambara yazo ya kabiri zise rurangiza yadushoyemo. Maze rero abatwumva mwese mwese, mwese aho muri hose, abari i Gitarama, abari

i Butare, abari ku Gikongoro, i Cyangugu n'abari ku Kibuye, i Gisenyi, Ruhengeri, Byumba, Kibungo n'abo muri Kigali-Ngali na Kigali y'umujiyi, mwese mwese Radiyo yanyu R.T.LM irabashuhuje. Muri kumwe na HABIMANA Kantano muri kino gitondo, na technicien le jeune, le plus jeune KAMANZI (arasetse), umaze kumbwira ko yakuwe mu bye mu gitondo. Ubwo rero ariko turabaganirira nyine tubahe n'umuziki, turabaganirira se iki muri iki gitondo? Hum! Kuramba ni ukuramuka ndabashuhuje, mwese, mwaramukanye Imana se? Mwabonye Imana ikingura? Hum! Mwarose iki se? Njyewe narose Inkotanyi zishira. Narose Inkotanyi zishira. Muti bite? Ndaza kubabwira impamvu. Ba bwoba se mwarose iki? Ba bwoba aho muri hose, abantu bahunze umujiyi, abantu bahunze barimo bahunga za Ruhango aho nta mpamvu, abahunga i Nyanza nta mpamvu, abahunga mu makomine nta mpamvu, mutanazi n'aho muhungira, mwebwe mwarose iki? Guhunga ntabwo ari umukino. Guhunga ntabwo ari umukino, umuntu ahunga icyo abonye ntawe uhunga baringa. Naho iyo uhunze baringa nyine uragenda ukagwa ruhabo. Mu kanya rero turaza kureba ba bwoba... ibya ba bwoba uko byifashe, hanyuma turebe n'izo nzuzi narose kandi nkaba ngira ngo kubera ko nka...nkabya inzuzi ndaza kubabwira impamvu narose Inkotanyi zishira. Hanyuma... hari amakuru nyine yo muri quartier, hari amakuru yo muri quartier aho umuntu agenda hose, aho umuntu agenda hose, utwo abona twose, hanyuma mu kanya ndaza kubabwira uko umujiyi wa Kigali wifashe, ndetse turawutemberamo ngende mbabwira uko ibintu bimeze, ibyasenyutse, ibyangiritse, iki byose. Hanyuma noneho turaza kugaruka no ku by'amakuru, ayo makuru ki avugwa kuri iyi si, him, avugwa kuri iyi si. Hari imishyikirano iteganyijwe ejo hagati y'ingabo za Guverinoma y'u Rwa... hagati y'abakuru b'ingabo z'u Rwanda, hanyuma n'abakuru b'Inkotanyi, iyo mishyikirano se izagera kuki? Muri MINUAR byifashe bite? Hanyuma turaza kureba no ku rugamba uko ibintu bimeze. Ubwo rero ndanabagezaho n'ubutumwa bwanyu, birumvikana yuko kugeza saa sita muri bube mutagize irungu. Maze rero abakomeye ku rugamba mwese, uhereye ku ngabo z'u Rwanda, ari abazitera inkunga bose, aho bari hose, abazitera inkunga mu murwa mukuru... mukuru wa Kigali, abazitera inkunga mu maperefegitura Gitarama, ee... cyane cyane aho Inkotanyi zishaka guseserera, kumenera ziyahura, abo bose rwose mukomere, naho ba bwoba barimwo birukanka babunza uturago, abo ngabo ni akazi kabo bazabona igihembo cy'ubwoba bwabo. Kandi nta kindi gihembo uretse kwangara nyine bakazabunga bakabura aho bagarukira.

Mu kanya rero nyuma y'uyu muziki turakomeza tureba uko ibintu byifashe hano muri uyu murwa mukuru wa Kigali no mu Rwanda hose. Ntabwo guhunga ari wo muti, iyo abantu bagu... bakuteye basaze, bashaka kugukura mu... mu byawe, iyo uri umugabo nyawe koko urwana ku byawe, urwana ku ru... urwana ku... urwana ku buzima bwawe. Yego birumvikana ubuzima ni bwo bwa mbere, ariko rero ibyawe na byo ntubite nta mpamvu. Abataye ibyabo nta mpamvu rero, uretse yuko gusa bazabona nyine ingaruka zabyo, mu gihe abarwaniye umujyi bazaba bamaze kubyigabanya, ubwo uko byamera kose, ubu nizere yuko abantu batarinda kubura inkwi babona ibikoni by'abantu ba... ba... babitaye, hem, birumvikana bagomba gushaka icyo bararira! Ubwo rero ba bwoba ndakeka yuko mwari mukwiye kugaruka muri uyu mujyi wa Kigali, tukarwanira umujyi wacu, tukarwanirira igihugu cyacu, wa mugani sinumva izo ntarumikwa zigenda zikoreye uturago, zirara muri za blindé igihe zizarwanira n'Inkotanyi kuko iki ni cyo gihe, nta kindi.

Maze rero nababwiye yuko mu by'ukuri narose Inkotanyi zishira. Narose Inkotanyi zishira kuko nkurikije ukuntu ziyahura, nkurikije imirwano mbona hano i Kigali, uko zirwana, nnyewe ndasanga Inkotanyi baraziroze, hari umuvumo wo kugira ngo zishire. Kuko ntabwo byumvikana nk'ukuntu umuntu yagenda agashinga mitrailleuse mu muhanda, ari umuntu umwe, abona aba... abaturage bamwa... bamwa...bose bamutera amabuye, akabona ingabo z'u Rwanda ziramwirukankaho na blindé, ariko we agashinga gusa mitrailleuse ngo afunze umuhanda. Njye sinumva uwo muntu mu mutwe ukuntu aba ameze, ibyo ari byo byose ni ko Inkotanyi zimeze nyine, ni abantu b'abiyahuzi. Inkotanyi yaraje ishingira mitrailleuse hariya haruguru... hafi y'umusigiti wa Kadafi, ubwo ifunga umuhanda, irarasa hejuru, irarasa hehe, na n'ubu umenya igihari, blindé ikayituraho ibisasu, Inkotanyi iki... ikihungura, ikongera ikaza iki... ukibaza, ukavuga uti abo bantu nta kuntu bashobora kuzabaho, ntibishoboka, nyuma rero na none iyo ukurikije amakuru y'Inkotanyi, ukuntu wumva ngo Inkotanyi nk'icumi zagiye i Nyanza, ngo zifashe ikigo cya gisirikari, ukibaza izo Nkotanyi niba zaragiyeyo no mu modoka. Iyo modoka umuntu ashobora kuyifata, cyangwa akayica nti...ntigire... izo Nkotanyi zumva ziza... zizava aho ngaho zite mu by'ukuri? Ko mbona ibyo bintu byose ari ukwiyahura, ari ee... ari ubusazi butabaho. Ukumva ngo Inkotanyi icumi zagiye mu Ruhango. Ubwo ziba zizi koko ko zizavayo zite? Ukumva ngo izindi zihambye muri Sake. Ubwo, umuntu afunze umuhanda zumva

zizavayo zite? Ku buryo rero umuntu yibaza ese Inkotanyi ni nzima? Zarasaze? Ubu ngubu zimeze gute? Mu by'ukuri rero gusa intambara yazo ishingiyeye ku bintu by'iterabwoba, udusasu duturagurika hirya no hino, ibisasu bya kabutindi bigwa hirya aho bibonye hose, iki, simbona rero abo bantu batara ubwoba gusa, niba koko Abanyarwanda turi abanyabwoba ku buryo twagenda tubahunga.

Ku bindi byerekeye rero nyine uko Inkotanyi mbona zigiyeye gushira, ni uko iyo ndebye ukuntu muri uyu mujyi wa Kigali uko bazihiga. icya mbere cyo ku byerekeye kurwana ntabwo zirusha abasirikare bacu ubuhanga, uretse ko gusa abasirikare bacu mbona barwana kizungu, barwana gisirimu, baragenda Inkotanyi bagakubita... noneho barambirwa bazimariyemo amasasu, ubundi bakikorera mu mifuka bakajya kwiruhukira, no kwinywera nk'akabyeri bavuga bati "twazicucumye". Inkotanyi rero na zo kubera ko zitanoga, zigahita ako kanya zigaruka, ejo mu gitondo wazareba ugasanga na none hari nk'Inkotanyi ebyiri, eshatu, ukibaza aho zaturutse bikakuyobera. Ariko rero, umva dufite za blindé hano muri uyu mujyi wa Kigali. Zirirukanka zizihiga, Inkotanyi nta blindé zifite. Yewe nta n'ibisasu byo kwica blindé zifite.

Ibyo bita rero ... i... izo... ukuntu zirwana Inkotanyi, ibyo zita appui zabo, intwari zikomeye za appui, aho kugira ngo barase ku basirikare b'u Rwanda bateye, aho barimo barwanira, ahubwo birasira mu baturage. Mbese by'ibintu by'umujinya gusa, noneho ukumva abantu barimo bararwanira mu ki... mu gishanga, nk'aho Inkotanyi zarashe aho ngaho, ahubwo ziki... ukumva mu Muhima, ukumva hehe hose ibisasu biragenda bigwa, mbese by'umujinya byo kwihimura. Ibyo rero mu byi... mu byerekeye appui na byo usanga ari ibintu ee... bya... by'amafuti.

Ku byerekeye na none amasasu, Inkotanyi zirasa amasasu make urebye nta n'ayo ziba zifite. Ni make cyane urebye. Ingabo z'u Rwanda ubu ngubu umuntu ufite chargeurs nkeya ni ufite chargeurs nka... nk'icumi. Chargeurs icumi ni amasasu magana atanu. Ayo yose ni ayo kurasa Inkotanyi. N'ubwo yaba izi kwizibukira ka cumi, ntabwo ishobora kurenga ayo masasu. Ubwo se koko izi Nkotanyi ko zitaturusha umubare w'abantu, zitaturusha umubare w'ingabo, koko izi Nkotanyi ntabwo zizashira.

Mu kanya... ndakomeza... ngerageza umva ko Radiyo Muhabura na... n'Inkotanyi zivuga ngo... radiyo yacu R.T.L.M ngo ni gashozantambara, ni gashozamvururu. Ariko uyu muni ndagerageza kugenda nzigira inama dore ko ejo hari n'imishyikirano. Ejo hari imishyikirano. Inkotanyi ndaze...ndagenda nzishakira umuziki w'urukundo, niba zikunda simbizi, ndagenda nzishakira umuziki euh... zikunda, hanyuma noneho numve koko yenda yuko ejo imishyikirano iza... izagenda neza noneho zikumva ko uko byagenda kose nizikomeza gutya izi Nkotanyi tuzazimara, aba bana b'Abatutsi bagiye baturuka hirya no hino, babeshye ngo bazabaha ibintu by'igitangaza, ejo nimugoroba abantu ba... nagiye kureba akana k'Inkotanyi k'imyaka cumi n'itanu, barakarashye barangije bagata mu mwobo wa... wa metero makumyabiri, karongerera kavamo, ba... abantu baribaza "ese mama aka gakotanyi ko ni bwoko ki", noneho kugeza ubwo bagacogoreje n'umuhini, ariko bakabaza bati "ese mwa bana mwe nk'ubu mwaje mute? Mwaje gute mu Nkotanyi"? Ngo "none se ko batubwiye ngo ko bazaturahirira amashuri", ngo "tukajya no muri université". Ngaho na we. Ubwo se ibyo bintu koko! Amashuri, amashuri umuntu ashobora kuyi... kuyajyamo, umuntu ashobora kujya muri Université, ariko umuntu atarinze gukotana, atarinze ku... kugira ngo ubuzima bwe bwose burangire, kugira ngo yangize igihugu agisiribange. Ubwo noneho umuntu akumva, akibaza, akibaza iby'Inkotanyi, ugasanga biyoberanye.

Abo bantu rero bataturusha intwaro, bataturusha ee... ari intwaro nini, ari intoya, nta zo baturusha. Abantu bataturusha umubare, mu by'ukuri ndakeka yuko tuzabamara, kereka nibisubiraho. Twizere rero yuko imishyikirano y'ejo izagenda neza. Hanyuma noneho, Inkotanyi noneho zikabona yuko gutera igihugu kirimo abantu b'abagabo, kirimo bene cyo, ukavuga ngo uzabatwara ubutegetsu, ngo uzabategeka ari uko ubarashye, ntabwo wategeka abantu baguhunga. Abantu baguhunga ntabwo ushobora kubategeka, abantu bagutinya ntabwo wabategeka, kandi nta kintu na kimwe ..., abantu bakwanga ntiwabategeka! Kandi nta kintu na kimwe kizahanagura mu mitwe y'Abanyarwanda ibyo bintu uko ari bibiri; urwango abantu banga Inkotanyi, ubwoba bazifitiye, ee... ndavuga ubwoba abantu bazifitiye, urwango bazifitiye, mbese no kuzitinya. Nta kuntu wategeka abantu baguhunga, nta kuntu wategeka abantu bakwanga, nta kuntu wategeka abantu batagukunda na gato. Ubwo rero Inkotanyi ni uguhanyanyaza n'amasasu nta kintu bishobora kuzigezaho.

Mu kanya... nyuma y'uyu muziki turaza kureba ibyo Inkotanyi zimaze kwangiza muri uyu muji wa Kigali. Ku buryo umuntu yibaza koko niba uyu muji koko zikiwushaka, kuko nimara kubasomera ibintu zimaze kwangiza muri uyu muji nk'uko nabibonye, muraza kureba, muraza gusanga biteye agahinda, byumije ku buryo nta muntu ushobora kuvuga ngo... nta muntu ushobora kuvuga ko izi Inkotanyi zaba zigishaka uyu muji wa Kigali kuko ziwumereye nabi.

Ndaza no kubabwira rero, nyuma yo kubabwira ibyangiritse, ndaza no kubabwira uko tubaho muri uyu muji wa Kigali kugira ngo mubyumve, mwumve niba mushobora kuza kudufasha ubu buzima, cyangwa se muhitemo kwirorera ariko twe turimo, kandi turanze turakomeye, dukomeye ku murego wacu wo kurengera igihugu cyacu.

(Musique).

- Orateur Kantano HABIMANA:

... ho iminota... mirongo itatu n'itatu, mirongo itatu n'ine hano muri studio za blindé ya R.T.L.M ivugira hano i Kigali. Abatwumva mwese rero aho muri hose, twabifurije umunsi mwiza wo ku wa gatatu, itariki ya mbere y'ukwezi kwa gatandatu igihumbi kimwe magana cyenda mirongo cyenda na kane. Ubu iyo ibintu bigenda neza ni bwo umuntu yabaga areba mu murima avuga ati "urutoki rwanjye rugiye kwera, ubu ngubu ngiye gusarura inyamunyu, ikakama nenge urwagwa rwinshi, hanyuma noneho mbone agafaranga", him! Umuntu avuga ati "amasaka yanjye, a... ubu mu minsi mike ndaba ntema, nsarure, none Inkotanyi byose zarabizambije, zirabyica". Ariko rero amaherezo tuzazikiza, tuzimare, kuko bimaze kugaragara yuko uburyo MUSEVENI yafashe Uganda akayikoloniza. Mbese Abatutsi bose batekereza kimwe, ari Abahima, ari Abatutsi bo mu Rwanda, ukuntu rero yafashe Kampala urebye ni ko akeka yuko azafata uyu muji wa Kigali; ni ukuvuga kubanza kurasamo ibisasu byinshi cyane, amazu akameneka, noneho abantu bagahunga, bakagenda.

Mu by'ukuri rero ibyo kumena umuji wa Kigali MUSEVENI yabigezeho, MUSEVENI n'Inkotanyi

ze zabigezeho, gusa ikintu batibutse ni uko mu muji wa Kigali bakekaga yuko hazaba hari ibyitso byinshi, none nta bigihari habe na kimwe. Baketse yuko abantu bazahunga ibisasu, none ntabwo bahunze. Ni yo mpamvu mu by'ukuri, uyu muji wa Kigali MUSEVENI adashobora kuzawufatisha Inyenzi-Inkotanyi se.

Abantu ntabwo bahunze, abantu barako... barakomeye ku byabo, bakomera ku twabo, ahubwo aho kugira ngo bagende banywa urumogi, barasara, batyaza imihe... imihoro n'imiheto, ku buryo rero MUSEVENI ntashobora kubigeraho, kandi birumvikana Kampala ntabwo ari Kigali ... Kampala yari ituwe n'abantu ba... abaturage bavuga indimi nyinshi: Abacori, Abanyoro, Abatoro, iki... abo bose ye? Nta... nta...umuntu yabwiraga undi igihuha, undi akacyumva mu rundi rurimi, agahita akivuga uko abonye, nuko abantu bose abahungisha atyo, ubundi akajya ajya mu miryango y'abantu, yagenda agafata nka Perezida w'Abacori akaba arabishe, arabamaze, Perezida w'Abanyoro, cyangwa se umutware mukuru w'Abanyoro, w'Abaganda akaba aramwishe, cyangwa akamuhungisha, urebye na MUSEVENI. Ni yo tactique y'Inkotanyi kuko murabona ba GATABAZI, ba BUCYANA, ba... abo bose zari zitangiye kugenda zibarobamo ba GAPYISI, kugira ngo nyine Abahutu bazagende babura umuntu ee... ubavuganira, Abahutu bagende babura umuntu wa... nyine abantu bagenda bakomeyemo babaroba, babaroba. MUSEVENI rero ni ko yabigenje mu Bugande, wajya kumva ukumva umukuru w'Abagande ngo yapfuye ukayoberwa ukuntu byagenze. Wajya kumva umukuru w'Abatoro ngo yapfuye, ukayoberwa ukuntu byagenze, ukumva umukuru w'Abanyoro yapfuye, ukayoberwa uko bimeze, agenda abaroba atyo... noneho abantu bakwi... baku...bicwa n'ubwoba butabaho, batinya Inkotanyi bitabaho, nuko N.R.A iba ifashe ubutegets, MUSEVENI none araganje mu Bugande. Ibyo rero ni byo akeka yuko ashobora kuzakoresha ino. Ariko rero byaramunaniye, byaramunaniye nashaka narorere tujye mu mishyikirano, arebe ko yakiza Inkotanyi ze zisigaye.

Ku byerekeye rero ibyangije... ibyangijwe muri Kigali, mu by'ukuri abantu benshi ntabwo baherutse muri Kigali, ntabwo babizi, ariko hinga ngerageze kubibabwira uko umujyi umeze. Uko umujyi umeze rero ubu ngubu utangiye kumeramo ibyatsi. Utangiye kumeramo ibyatsi, ahari imihanda, ahari iki, murabona ko ni mu mvura. Ibyatsi rero byatangiye kugenda bimera hirya no hino, ku buryo

urebye aba jardiniers bazagira akazi gakomeye. Hanyuma... ku byerekeye rero ibintu, ku byerekeye ibintu umuntu yatangirira ku mamodoka. Urebye... buri hantu hose ku muhanda hari imodoka nshyashya zigenda zangirika, kuko uyirukankanishije ikamushiriraho essence iyo ayibuze, arekera aho, iyo ipfuye icyuma kubera ko nta “magaraje” akora, arekera aho, agata ku muhanda cyane cyane ko aba yayiboneye ubusa, yayibohoje. Ariko cyane cyane aho biteye agahinda ni mu Rugunga, aho umuntu asanga imodoka z’Abafaransa nshyashya, nshyashya zirenga mirongo itanu, nako zirenga cumi n’eshanu zangi... zangiritse, zikavamwo ibintu byose kandi bitari ngombwa. Ariko ibyo byagiye bikozwe n’Ababiligi bagiye nyine bazikubitagura n’umujinya n’uburakari noneho bagataha iwabo. Izindi modo... izindi modoka rero, ubu zigomba kuba ziri mu maperefegitura, yenda hari n’izambutse umupaka. Ariko rero mu kugaruka abe... abari ku mipaka na bo bagarure uwo ni umutungo w’igihugu, kuko byaguzwe mu mafaranga y’igihugu, ibyo ari byo byose ibyo ngibyo aho kugira ngo bijye za Zayire, za Burundi na he byazashobora gukiza u Rwanda. Amamodoka rero yarangiritse cyane bikomeye, andi agenda mu muji, amenshi asize ibyondo, asize ibintu by’ibitaka kugira ngo abanzi bataziteraho bya bombe.

Hanyumaa... ku byerekeye rero amazu, amazu yazize intambara, mu... muri za quartiers hari amazu yazize intambara, ariko muri za quartiers na none ziriya cyane cyane z’abakire, hari amazu menshi yagiye azira biriya bisasu bya katiyusha, na biriya bisasu by’ibindi by’i... by’imizinga biturika, harimo n’iya KANYARENGWE birumvikana. Amazu menshi cyane nyine yarangiritse, hari n’iyo ubona ugira ngo ni nzima, ariko igisasu cyaranyuze hejuru, cyaracyemo, ku buryo rero abantu bahunze bakajya kure, urebye amazu yabo yarangiritse, ntibabizi ubu ngubu imvura igwamo, ku buryo nyine bazasanga haramuzemo ibyatsi, n’ubwo wabona inzu imbere, inyuma isa neza.

Ku mazu rero manini... manini cyane yangiritse, hari ikibuga cy’indege cyangiritse cyane, ikibuga cy’indege cyarangiritse cyane n’amazu yayo, hanyumaa... hari za C.N.D zombi zarangiritse cyane, hanyuma na Stade Amahoro yarangiritse, ee... Hanyuma rero... ku byerekeye amahoteri hari Hoteli REBERO birumvikana yarangiritse bikabije, ahari ubutazasanwa. Hoteli Chez Lando yabaye ivu. Hanyumaa... Hoteli des Diplomates ibyumba bitandatu byose byaraguye, byararimbutse. Hoteli

Gloria yanyuzwemo n'igisasu. Hoteli Kiyovu yanyuzwemo n'ibisasu. Murabona yuko nyine ku byerekeye amahoteli ibintu bya... byarazambye.

Ubwo rero sinanavuga ibyerekeye ku mazu y'inganda, SAKIRWA yarahiye, RWANDA FOAM yara... yara... yarahiye, hanyuma inzu ya ONATRACOM yarashize, ubwo ibiko... ibikotanyi birimo bijugunya nyine n'ubugome bigira ngo bitwike za otobisi, ntibikamenye yuko muri ONATRACOM hasigaye za otobisi zashaje gusa, yuko za otobisi nshyashya zirenga magana zagiye ahantu Inkotanyi zidashobora kuzegera.

Hanyuma... ku byerekeye amaduka rero, mu by'ukuri amaduka nta kintu na kimwe, na kimwe ariko kikirimo, habe na kimwe. Ya maduka yose muzi yari arimo ibintu byiza, ayitwa za La Comète ubu ngubu hasigaye huzuyemo injangwe n'imbeba gusa, hanyuma na ba mayibobu batoragura utuntu batari barashoboye gutoragura. Nta kintu rero kirimo. Muri Athénée harasenyutse, kwa Alexakis harasenyutse, ALIRWANDA barayipfumuye birumvikana nta kirimo imbere. Hanyumaa... ee...stations za essence E.R.P, iki zarapfuye, za...ibisasu byarazitwitse. Hanyuma... ku byerekeye za ambasade, Ambasade ya Uganda irarangaye, igisenge cyaragiye. Ambasade ya Tanzaniya, aho ngaho baharoshye ibisasu, Ambasade ya Etats-Unis ee...igisasu cyaguyemo imbere, mu nzu imbere mu biro by'Ambasaderi. Hanyuma Ambasade ya Kenya na yo yarashize, ibitabo byose biri hanze, umuha...imihanda rero byo sinavuga, ibisasu bigenda bihusha bikitura mu muhanda gusa, ibindi bivuga ngo bikurikiye imodoka, ibyo byose nyine ni byo twizibukira muri Kigali, bikitura mu muhanda bigahitana imbeba, bigahitana ubusa ku buryo ubwo turaho.

Hanyuma... ku bindi nyine bikomeye umuntu yavuga ni ibyerekeye Televiziyo y'u Rwanda, Televiziyo y'u Rwanda n'ubwo amahoro yaza ndakeka yuko hashira nk'umwaka ahari tutareba televiziyo kuko, uretse no kwica abanyamakuru, ariko ibyuma byayo bongeye bateramo ikibombe, none byarahiye byose. Hanyuma... za antenne za televiziyo na zo zarahiye. Muri ORINFOR naho bateyemo igisasu. Ibitaro rero, ibitaro ni cyo kibabaje cyane, ibitaro byose bya Kigali, hum, nta gihishwa kikirimo, barabanje batera igisasu mu mahema, ubundi ikindi bagitera muri Chirurgie, ikindi bagitera muri

Radiographie, ibindi babitera mu byumba. Noneho abaganga bose baragenda, ubu hasigaye gusa abarwayi ba...nka babiri, batatu bahacaracara, babuze uko bagenda, nyine ubu abarwayi nta bahari. Ndabamenyesha yuko n'ibitaro nyine bya Kigali bitakihaba, byarimutse.

Ubwo rero murumva nyine yuko ari ingorane, inyeshyamba zaravugaga ziti “abantu, bariya bantu nitumara kubasenyera ibitaro, nta kundi nyine bazavuga bati “ahantu hatari abaganga, ahantu hatari iki, ntabwo twahaba none turagiye”. Ubwo rero bagowe n'ubusa kuko ... Ubwo ngiye kubatekerereza imibereho tuba hano i Kigali. Imibe... imibereho tubaho hano i Kigali ni uko ubu mu mazu y'abaturage hagiye haba utuntu tw'ibitaro, ni ukuvuga mbese ni uburyo bwose bukomeye bwa résistance, ni uko umuntu wese uzi akantu yavura, uzi gupfuka ibisebe, uzi gutera urushinge, uzi kugira gute, buri muntu wese akantu afite, agati afite, buri muntu wese yabaye muganga, icyumba cy'umuntu akakigira ibitaro. Ni ukuvuga waza ukomeretse a! Bati “naka afite ka pénicilline”, ukagenda akagushyiriraho, ba... bati “muka naka azi gupfuka”, ugahita uagenda akagupfuka. Bati “hari docteur naka, hari aba docteur bake basigaye hano muri uyu muji ariko b'abagabo, harimo nk'uwitwa BIZIMANA hariya ku Kimisagara, hum, nizeye ko atwumva, nakomere, ubwo rero ukagenda ukamubwira uti “dore bimeze gutya, dore bimeze gutya”, noneho bakagerageza kureba ko bakurwanaho.

Ibyo ari byo byose ibitaro rero ntabwo bya...he, nk'uko bimeze, ibitaro bya Leta byaragiye, ariko Umuryango utabara imbabare, Umuryango mpuzamahanga utabara imbabare, hum, uyoborwa n'uriya mugabo Philippe GAILLARD rwose urakora uko ushoboye kugira ngo utabare abantu, cyane cyane abakomerekejwe n'ibisasu kuko ni benshi, ibisasu biragwa aho bibonye, Inkotanyi zirarasa amasasu aho zibonye, ku buryo nyine iyo umuntu yaramutse ku munsu kimugwira, cyangwa se ibintu birimo bikamukomeretsa. Ariko rero uwo Muryango utabara imbabare rwose mpuzamahanga, uyoborwa n'Umusuwisi GAILLARD ni abo gushimirwa cyane, nanyarukiyeyo ndeba umu... umuganga ubaga w'Umunyamerika ukora amasaha cumi n'umunani kuri makumyabiri n'ane, ndareba kuva intambara yatangira ndavuga nti “koko ku isi hari abantu bakunda abandi”, n'uwo mugabo GAILLARD nyine na we buri kanya uba atelefona hose, avuga ati “nyabuneka abantu bamerewe nabi”, mu by'ukuri hari

abantu koko bakunda Abanyarwanda. Abanyarwanda rero turakunzwe n'abantu, ureke ziriya Nyenzi-Inkotanyi zivuga yuko zizatwica zikatumara, ariko Abazungu baradukunda, ndabamenyesha yuko... GAILLARD yambwiye yuko ejo... indege yaje ejo yazanye n'abandi baganga b'Abazungu, ba... bazobereye mu bintu byo kubaga bazanye na toni zigeze ku icumi z'imiti, murumva rero yuko ibyo ari byo byose abarwayi mudakwiye kwiheba, kuko hari abantu bagikunda Abanyarwanda.

Ubwo... nababwiraga rero yuko iyo umuntu akomeretse bahita bamurangira umuntu ushobora kumupfuka, bahita bamurangira uwamuha agati, gutyo, hanyuma noneho hakabaho na za pharmacie zigerageza gukingura ... Aha ngaha nashimira pharmacie du peuple, kuko igerageza gukingura abantu bakaba babona umuti mu mujyi, birumvikana yuko nyine umuntu atabona iyo akeneye, ariko rero nta cyo bitwaye, umuntu aragerageza.

Hagati aho rero twize kwivura kinyarwanda, twize kwivura kinyarwanda, umuti naraye menye nimugoroba ee... ni uko nk'umuntu urwaye diarrhée cyane, uhitwa cyane nyine, ee... tugerageza kumuha, guhonda utubuto tw'urumogi tukamuha, ubwo nta kundi agahita afuma, cyangwa se tukamuha amazi y'umuceri, agaceri turacyakabona, (arakoroye), cyangwa se tukamuha n'amamininwa y'ibishyimbo, tukareba yuko yagerageza kubaho.

Hanyuma... ku byerekeye... abantu badashobora gusinzira, birumvikana nyine hari akamogi, umuntu ashobora kumuha, ibyo rero ni byo byasimbuye phénergan. Nta kundi kundi ibintu byagenda nyine turi mu... mu... mu ntambara, ibyo ari byo byose, turabona kandi bigenda, turabona bigenda nta muntu usangana igisebe by'umuvogo, nta muntu usanga ahitwa cyane, tumeze neza mbese mu by'ukuri, turagerageza kurwana ku buryo buhambaye.

Hanyuma... (aseka) ku buryo rero kurya, kurya mu by'ukuri na bwo turarya, agafungo k'ibijumba ni ijana, hanyuma ibishyimbo ikilo ni mirongo itatu, ibishyimbo biriya byari bigenewe impunzi twarabibohoje turabibona, ikilo ni mirongo itatu, hanyuma umuceri ikilo ni magana abiri, ikilo cy'isukari ni iry'itanu, iry'umunani, magana abiri se, ka byeri na ko turakabona hagati ya magana atatu

na mirongo itanu na magana ane, hum, ibirayi ikilo ni mirongo ine, hanyuma... haraboneka n'utugori duke, haraboneka n'akagwa icupa ni makumyabiri, murumva rero yuko mu by'ukuri nta cyo tubuze.

